INAMA Y'ABAKATESHISTE BAHAGARARIYE ABANDI NA BA PADIRI MUKURU MURI ZONE PASTORALE YA GISENYI YO KU WA 18 NA 19 GASHYANTARE 2019.

Ku wa 18 Gashyantare 2019 guhera saa kumi (16h000, kuri Centre Pastoral St Jean Paul ku Nyundo hatangiye inama y'iminsi ibiri y'Abakateshiste bahagarariye abandi mu maparuwasi ya zone Pastorale ya Gisenyi na ba Padiri Mukuru. Umunsi wa mbere wahariwe abakateshiste bagaragaza ibyo bakoze mu mwaka wa 2018. Hari hagamijwe ko buri Paruwasi igira icyo yakwigira ku zindi kandi ikagira icyo izigisha.

Umunsi wa mbere inama yayobowe na HAKIZIMANA Jean d'Amour, Umukangurambaga wa Diyosezi Ushinzwe iyobokamana na Gatigisimu muri zone ya Gisenyi. Ku munsi wa kabiri w'inama, inama yahuje Abakateshiste na ba Padiri Mukuru iyoborwa na Nyakubahwa Mgr JMV NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepisikopi, unashinzwe Ibiro bya Diyosezi ya Nyundo Bishinzwe Uburezi n'Ibiro Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu muri Zone Pastorale ya Gisenyi.

Inama yitabiriwe n'abantu bose hamwe bari 37. Abitabiriye bagiye mu matsinda 4 ibyishimirwa muri buri Paruwasi abandi bakwigiraho, bareba ingorane abakateshiste bagaragaje muri raporo banazishakira umuti, bashaka ibyo

amahugurwa muri uyu mwaka yazibandaho. Bagaragaje kandi ibyo babona byateza imbere ubwigishwa n'ibyiza bashimye ku nama yabahuje. Itsinda ry'Abasaseridoti ryibanze ku gushaka umuti w'ibibazo n'ingorane abakateshiste bagaragaje.

Mu gusoza inama hafashwe imyanzuro ikurikira:

- Buri Paruwasi igomba kohereza nibura umukateshiste umwe i Nkumba buri mwaka.
- Buri Paruwasi yabonye abakateshiste bashya bagomba amahugurwa kimwe n'abandi: bazahugurwa n'abapadiri mu maparuwasi hamwe n'Ibiro bya Diyosezi bibishinzwe.
- Mu rwego rwo kugaragaza agaciro k'Umukateshiste muri Kiliziya, **Umunsi mukuru w'umukateshiste muri Paruwasi** uzajya wizihizwa buri mwaka ku cyumweru kegereye umunsi mukuru w'umutagatifu bisunze.
- Imfashanyigisho abakateshiste Babura (ibitabo bagomba kwigishirizamo n'ibindi bikenerwa) buri Paruwasi izakora uko bishoboka ku buryo bizaboneka bitarenze ku munsi mukuru wa Pasika.
- Hagomba gukorwa ubukangurambaga buhagije ku buryo buri Santarali igira abakateshiste bahagije, kandi harimo n'abize bafite imirimo ku buryo bizagabanya imvune n'ingendo ndende bamwe mu bakateshiste bakora.

Inama yashoje i saa saba (13h00).

HAKIZIMANA Jean d'Amour,

Umukangurambaga wa Diyosezi Ushinzwe iyobokamana na Gatigisimu muri zone ya Gisenyi